

Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi (Office of Language Access) Uburyo bwo gutanga ikirego cyerekeye ikorehwa ry'indimi

Iyi nyandiko isobanura uburyo utanga ikirego ashobora gukoreha mu gutangaza uko urukiko rumwegereye rwananiwe gutanga umusemuzi cyangwa gutanga ubundi bufasha mu by'indimi mu gikorwa icyo ari cyo cyose kijyanye n'urukiko. Utanga ikirego ashobora gutanga ikirego kijyanye n'ikibazo icyo ari cyo cyose cy'ikorehwa ry'indimi kijyanye n'uko utanga ikirego yavuganye n'Urukiko rw'ubutabera rwa Kentucky. Ukwiye kumenya ko gutanga ikirego cy'ikorehwa ry'indimi bitagize aho bihuriye no kujuririra urubanza cyangwa icyemezo cy'urukiko. Bisabwe n'uwatanze ikirego, Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi bitanga serivisi z'ikorehwa ry'indimi ziboneye, harimo kubona umusemuzi kugira ngo afashe uwareze kurangiza uburyo bwo gutanga ikirego.

1. Gutanga ikirego. Umuntu ashobora gutanga ikirego akoze kimwe mu bikorwa bikurikira:

- Ikirego gishobora gutangirwa kuri interineti ugitanga yuzuzwa [ifishi yo gutangira ikirego kuri interineti](#).
- Utanga ikirego ashobora kugitangira kuri telefone ahamagaye 502-573-2350 maze agasaba ko yoherezwa mu Biro bishinzwe ikorehwa ry'indimi. Uhagarariye serivisi z'ubusemuzi bwo mu rukiko avugana n'uwatanze ikirego ubwe kandi agafata amakuru ya ngombwa kugira ngo atangire inzira yo gutanga ikirego.
- Utanga ikirego ashobora kugitanga mu nyandiko yohereje ibaruwa ikubiyemo ikirego kuri aderesi ikurikira:

Administrative Office of the Courts
Attention: Court Interpreting Services
1001 Vandalay Drive
Frankfort, KY 40601

2. Kwakira ikirego. Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi bisuzuma ikirego maze bikabaza uwagitanze amakuru yose y'ingenziarebana nacyo. Iyo ikirego cyakiriwe bwa mbere, bikagaragara ko gifite ishingiro, Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi biha uwatanze ikirego nomero yo kwakira ikirego kugira ngo agikurikirane anamenye aho dosiye igeze. icyakora, iyo bigaragaye ko ikirego nta shingiro gifite ubwo cyakirwaga bwa mbere, Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi bizahanagura icyo kirego bimenyeshe uwagitanze ko nta kindi kintu kizagikorwaho.

3. Kwemera ikirego. Keretse igihe ari ibibazo byo kwitondera, Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi bisubiza uwatanze ikirego mu gihe kitarenze iminsi 10 y'akazi uhereye igihe ibaruwa yandikiweimeyiri (e-mail) cyangwa agahamagarwa kuri telefone mu rwego rwo kwemera ko ikirego cyakiriwe. Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi binashobora gusaba andi makuru y'inyongera cyangwa ibyangombwa k'uwatanze ikirego mu gihe cyo kwakira ikirego kugira ngo hakorwe iperereza rirambuye ku kirego. Mu gihe ari ikirego gisaba gukemurwa ku buryo bwihutirwa (urug: ikirego kijyanye n'iburanisha riteganyijwe mbere y'uko iminsi y'akazi 10 irangira), Ibiro bishinzwe ikorehwa ry'indimi bikora kugira ngo byihutishe ukwakira no gukora iperereza ku kirego mu rwego rwo gukemura ikibazo cyose gifite ishingiro mu gihe gikwiye.

4. Kumenyasha urukiko rwibanze. Hamaze kwakirwa amakuru yose cyangwa ibyangombwa byose bikenewe, Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi byoherereza ibaruwa urukiko rwibanze ikubiyemo ikirego kivugwa mu rwego rwo kumenyasha urukiko ko ikirego cyakiriwe. Ibisobanuro bya ngombwa byose bijyanye n'ikirego biba biri mu ibaruwa. Menya ko ibirego byose bijyanye n'umukozi cyangwa uwahawe ikiraka cy'akazi n'Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi bizakemurwa hakurikijwe amabwiriza yo guhana abakozi bakorera ikigo yashyizweho n'Ibiro by'ubuyobozi bw'urukiko rwa Kentucky.

5. Gukora iperereza ku kirego. Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi ritangiza iperereza ry'ibivugwa mu kirego mu gihe kitarenze iminsi 10 y'akazi uhereye igihe urukiko rw'ibanze rumenyesherejwe icyo kirego.. Nubwo igikorwa cy'iperereza gitandukanye hashingiwe ku bisobanuro bya buri kirego, ibikorwa bishoboka birimo kubaza uvugwa (abavugwa) mu kirego, harimo, abacamanza, abanditsi b'urukiko n'abasemuzi no kwakira inyandikomvugo z'amakuru yose yakusanyijwe mu gikorwa cy'ibaza.

6. Isuzuma rikorwa n'Ibiro bishinzwe serivisi z'amategeko. Mu kurangiza iperereza, Ibiro bishinzwe iby'indimi bizatanga ibyavuye mu iperereza, harimo inyandikomvugo n'imyanzuro yatanze bishyikirizwa Ibiro bishinzwe serivisi z'amategeko kugira ngo bisuzumwe. Hashingiwe ku mabwiriza yatanze n'Ibiro bishinzwe serivisi z'amategeko, Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi biha amabwiriza urukiko rw'ibanze yo gushyira mu bikorwa umwanzuro watanze, rugasaba ko urukiko rw'ibanze rushyira mu bikorwa igisubizo gishya cyangwa rukamenyeshya urukiko rw'ibanze ko ikirego kidafite ishingiro. Urukiko rw'ibanze rusabwa gutanga raporo y'aho ibintu bigeze igashyikirizwa Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi nyuma y'ishyirwa mu bikorwa ry'umwanzuro watanze cyangwa wifujwe.

7. Kumenyasha Uwatanze ikirego. Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi ryoherereza ibaruwa uwatanze ikirego mu minsi y'akazi 10 uhereye igihe habonekeye raporo y'aho ibintu bigeze kugira ngo hasobanurwe ku buryo burambuye ibikorwa bigomba gushyirwa mu bikorwa n'urukiko rw'ibanze nk'uburyo bwo kurangiza ikirego.

8. Ububiko (bwa kizungu) no gushyira ku karubanda. Ibiro bishinzwe ikoreshwa ry'indimi bizaba bifite ububiko bw'ibirego n'uburyo bwakoreshejwe mu kubikemura kandi bikaba byashyirwa ku karubanda ngo ubisabye wese abihabwe.

9. Kubuza kwihorera. "Nta wakiriye ikirego cyangwa undi muntu ugomba gutera ubwoba, gukanga, guhatira cyangwa kuvangura umuntu uwo ari we wese ku mpamvu zo kubangamira uburenganzira bwe cyangwa uburenganzira bwihariye burindwa n'itegeko ryo mu [Mutwe wa VI], cyangwa kubera ko yatanze ikirego, ubuhamya, yafashije cyangwa yitabiriye iperereza mu buryo ubwo ari bwo bwose, ibikorwa by'urukiko cyangwa iburanisha hakurikijwe ibivugwa muri aka gace." 28 C.F.R. § 42.108(e)